REPUBULIKA Y' U RWANDA

INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA (NCPD)

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO YAHUJE INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA N'ABAFATANYABIKORWA BAYO

INTANGIRIRO

Ku italiki ya 05 Ukwakira 2012, mu cyumba cy'inama cya Hotel Sport View habereye Inama Nyunguranabitekerezo hagati y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga n'Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe imibereho myiza ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bakora ibikorwa byo kwita ku bantu bafite ubumuga mu Rwanda.

Mu guha ikaze Umushyitsi Mukuru ndetse n'Abitabiriye inama, Bwana Gastone RUSIHA, Perezida w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga, yashimiye Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda kuba yarashyizeho NCPD kugira ngo ijye ikora ubuvugizi ku bibazo bireba abantu bose bafite ubumuga.

Yasabye Umushyitsi Mukuru ibi bikurikira:

- Mu ingengo y'imari itaha y'Uturere n'Umujyi wa Kigali, gushyiraho Budget Line yitwa "Support to NCPD";
- Kuvugurura cadre organique z'Uturere n'Umujyi wa Kigali, hakongerwamo Umukozi uhoraho ushinzwe abantu bafite ubumuga;
- Gusaba Uturere n'Umujyi wa Kigali gushyira mu mihigo yabo uburyo bwo gufasha abantu bafite ubumuga;
- Gusaba Uturere n'Umujyi wa Kigali gushyiraho uburyo bwo kwigisha abacikirije amashuri.

Peresida wa NCPD, Bwana Gastone Rusiha atanga ikaze

ABITABIRIYE INAMA

Nk'uko bigaragara ku rutonde abitabiriye inama bagera kuri 178 baturuka mu nzego zitandukanye:

1. Abagizi Inama y'Ubutegetsi ya NCPD 5
2. Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe imibereho myiza y'abaturage 18
3. Abahuzabikorwa ba NCPD ku rwego rw'Intara 4
4. Abahuzabikorwa ba NCPD ku rwego tw'Uturere 30
5. Abakozi bashinzwe imibereho myiza ku rwego rw'Uturere 12
6. Abahagarariye inzego n'ibigo bya Leta 12
7. Abakozi bashinzwe ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku Turere 12
8. Abahagarariye imiryango y'abantu bafite ubumuga 7
9. Abahagarariye imiryango mpuzamahanga itegemiye kuri Leta 7
10. Abahagarariye ibigo bifasha abantu bafite ubumuga 51
11. Abakozi ba NCPD 11
12. Abanyamakuru 5
13. Abunganira abantu bafite ubumuga 3

GUFUNGURA INAMA KU MUGARAGARO

Inama yafunguwe na Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amajyambere rusange n'imibereho myiza y'abaturage muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. Yatangiye agira ati: « Nk'urwego rushya, rushyirwaho n'itegeko nº 03/2011 ryo kuwa 10/02/2012 ari naryo rigaragaza zimwe mu nshingano zayo harimo guhuza ibikorwa byose bikorerwa abantu bafite mu gihugu , gukora ubuvugizi ku bibazo bibuza ababfite ubumuga kugira uruhare rusesuye mu iterambere n'izindi. Ibi byose ntibyagerwaho hatabaye gutahiriza umugozi umwe no kunoza imikorere».

Hon. Dr. MUKABARAMBA Alvera afungura inama

Yasabye Inzego zose ndetse n'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'abantu bafite ubumuga ibi bikurikira, ati: « By'umwihariko hakenewe gushyirwa ingufu muri gahunda zukurikira:

- Uburezi: hitabwa ku bikenewe by'ibanze kuri buri cyiciro cy'ubumuga;

- Ubuvuzi: hitabwa ku buryo servise z'ibanze zakwegera abafite ubumuga harimo n'insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Iterambere : hashyirwa ingufu mu gutera inkunga imishinga ibyara inyungu binyuze mu makoperative;
- Ibikorwa remezo: hitabwa ku by'ibanze kugirango abafite ubumuga babashe gukoresha nta nkomyi inyubako zitangirwamo serivise zitandukanye, n'ibindi.

Yarangije ashimira ubuyobozi bwa NCPD bwateguye iyi nama, anasaba ko abitabiriye iyi nama baza kuyikurikirana neza.

Nyuma y'ijambo rifungura, NCPD yagejeje ku bitabiriye inama ibi bikurikira:

- Kwerekana ishyira mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'abafatanyabikorwa bakora ibikorwa byo gufasha no kwita ku bantu bafite ubumuga;
- Kwerekana ibikorwa by'Ingenzi NCPD yifuza gukora mu mwaka 2012/2013;
- Kwerekana ibyagaragaye ubwo NCPD yasuraga Uturere twose kuva mu kwezi kwa gatatu kugeza mu kwezi kwa gatanu 2012.

UKO INAMA YAGENZE

1. Kugaragaraza ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe mu nama iheruka

Bwana TWAGIRIMANA Eugene, ushinwe imibereho myiza muri NCPD akaba n'umuyobozi w'agateganyo w'ishami ry'imibereho myiza no kungerera ubushobozi abafite ubumuga (Economic and social empowerment unit) yagejeje ku bitabiriye inama uko imyanzuro y'inama yo ku wa 07/02/2012 yashyizwe mu bikorwa. Abitabiriye inama bishimiye ko ku **myanzuro 14**, iyashyizwe mu bikorwa ari **imyanzuro 10**, naho itarashyizwe mu bikorwa ni **imyanzuro 4** gusa kandi nayo hakaba hari icyakozwe.

Abitabiriye inama basabye ko NCPD yakora uko ishoboye n'iyi myanzuro 4 igatangira gushyirwa mu bikorwa mu gihe cya vuba.

Bwana Twagirimana Eugene atanga ikiganiro

Mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyi myanzuro, abari mu nama bifuje ko hakongerwa ubuvugizi ku bana bari mu miryango batabasha kubona ubufasha mu bigo.

Hifujwe kandiko ubutaha hajya hagaragazwa inzitizi zagaragaye mu gushyira mu bikorwa imyanzuri imwe n'imwe.

2. Kugaragaraza ibikorwa by'ingenzi bya NCPD

Bwana RUGEMINTWAZA Jerome, Umuyobozi w'Ishami ry'Imari n'Ubuyobozi (DAF) yagejeje ku bitabiriye inama ibikorwa bikuru NCPD iteganya gukora mu mwaka wa 2012/2013. Muri ibyo yerekanye ko NCPD yifuza gukora ibikorwa bikurikira:

- Gutegura ingenamigambi ry'imyaka 5 (strategic plan) NCPD izagenderaho;
- Kugenzura uko abafite ubumuga bashyirwa muri gahunda za Leta;
- Gutera inkunga imishinga 10 y'Abantu bafite ubumuga ibyara inyungu;
- Gutera inkunga Ibigo byita ku bana bafite ubumuga bikeneye ubufasha kurusha ibindi;
- Gutegura gahunda yo guca gusabiriza ku bantu bafite ubumuga;
- Kubaka no gushyigikira inzego za NCPD ku rwego rw'Uturere;
- Gukangurira Abaturarwanda bose uburenganzira bw'Abantu bafite ubumuga;

- Guteza imbere Imikino y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Uturere;
- Gukora ubuvugizi ku bibazo byose bireba abantu bafite ubumuga kugira ngo binjizwe muri gahunda zinyuranye;
- Gutegura Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite ubumuga uba ku wa 03/12/2012;
- Gufungura ku mugaragaro Ambassadorial Country Status;
- Gutangiza Ikigega Nyafurika kigamije guteza imbere Abantu bafite ubumuga.

Abitabiriye iyi nama bamaze kugezwaho ibyo NCPD iteganya gukora, barabyishimiye ndetse banasaba ko ibi bikorwa byamanuka bikanakorerwa mu Turere twose.

3. Kugaragaza ikegeranyo cy'ibyavuye mu gikorwa cyo gusura Uturere n'ibigo bifasha abantu bafite ubumuga

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD bwana NDAYISABA Emmanuel yerekanye ibyavuye mu gusura Uturere twose, iki gikorwa kikaba cyarabaye kuva mu kwezi kwa gatatu kugera mu kwezi kwa gatanu 2012.

Bwana NDAYISABA Emmanuel atanga ikiganiro

Yagaragaje ko mu gusura Uturere twose, hakozwe ibikorwa bikurikira:

- Gukorana inama n'Ubuyobozi bw'Akarere mbere yo guhura n'abatumiwe;
- Gukorana inama n'Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu ku rwego rw'Uturere ndetse n'Imirenge aho ihagarariwe;
- Gukorana inama n'Abayobozi b'Amakoperative akorana n'abantu bafite ubumuga;
- Gukorana inama n'Abayobozi b'Ibigo byita ku bantu bafite ubumuga muri buri Karere;
- Gusura aho buri kigo kita ku bantu bafite ubumuga gihererereye hagamijwe kureba ubushobozi n'imbogamizi gihura nazo mu kwita ku bantu bafite ubumuga;

Mu gusura Uturere, zimwe mu mbogamizi zagaragajwe ni izi zikurikira:

- Ubushobozi buke ku batowe guhagararira NCPD mu Turere n'Imirenge;
- Inzego za NCPD ku Mirenge myinshi ntizuzuye kubera ko Itegeko Teka ryasabaga kuba abazirimo bafite nibura amashuri atandatu yisumbuye (O'Level);
- Ahantu hamwe na hamwe mu Rwanda, kubera imiterere y'imisozi miremire, usanga abahuzabikorwa ba NCPD mu Turere n'Imirenge batabasha kugerayo;
- Abahuzabikorwa ba NCPD ku Turere nta biro bakoreramo bafite;
- Kuba nta mibare fatizo y'Abantu bafite ubumuga iri mu Turere (uretse Akarere ka Kayonza na Gakenke);
- Kuba Abafite ubumuga bagifatwa nk'Abantu batishoboye mu Turere n'Imirenge;
- Uturere tumwe n'Imirenge imwe n'imwe ntibikorana neza n'Inzego za NCPD;
- Kuba nta mukozi ushinzwe Abantu bafite ubumuga muri buri Karere (mugihe cyo gusura Uturere, Gakenke, Nyarugenge, Gasabo nibo bari baramaze kumushyiraho, muri Musanze bari bageze kugihe cyo gutanga 'Interview';
- Kuba Amategeko arengera abantu bafite ubumuga ataramenyekana;
- Kuba imiryango imwe n'imwe igiheza mu ngo abana bayo bafite ubumuga;
- Kuba Abafite ubumuga batazi uburenganzira bwabo, bityo abenshi bakaba bacyiheza muri gahunda zinyuranye;
- Kuba hari umubare munini w'Abantu bafite ubumuga ukigaragara mubikorwa byo gusabiriza;

- Abafite ubumuga benshi ntibaramenya akamaro ko gukorera mu makoperative; no kuyacunga neza;
- Abantu bafite ubumuga ntibabona inguzanyo muri Banki kubera ubukene ndetse n'imiterere y'ubumuga bwabo;
- Mu Turere 6, nta Kigo cyita ku bantu bafite ubumuga(**Nyamagabe, Ruhango, Karongi, Nyabihu, Burera na Kirehe)**
- Ibigo byinshi byita ku bantu bafite ubumuga nta bushobozi bw'Amafaranga, ibikoresho n'abakozi bahagije bo kwita ku bantu bafite ubumuga;
- Ibigo byinshi ntibigira ababyitaho (bisa nk'aho byatereranywe);
- Mu burezi budaheza (Inclusive education) nta gahunda(programme) yemejwe bakoresha mu burezi;
- Ibitaro byoherezwamo abarwayi (Referral hospitals) ntibyemera Mutuelle de Sante kandi ariyo abafite ubumuga benshi bakoresha bityo ntibabashe kubona serivise z'ubuvuzi ndetse n'insimburangingo n'inyunganirangingo kandi zikenewe na benshi badafite amikoro;
- Mu bigo byita ku bantu bafite ubumuga hagaragaramo ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abantu bafite ubumuga (cyane cyane abafite ubwo mu mutwe);

4. Ijambo rya Honorable RWAKA Pierre Claver

Honorable RWAKA Pierre Claver uhagaragarire abafite ubumuga mu Nteko ishingamategeko, umutwe w'Abadepite, yagejeje ijambo ku bitabiriye inama. Yatangiye ashimira by'umwihariko NCPD ku gikorwa yakoze cyo gusura Uturere ikabasha kugaragaza ibibazo abafite ubumuga bafite. Mu rwego rwo kuvugurura amategeko arengera abafite ubumuga yifuje ko NCPD yakora umushinga ugaragaza ibigombw guhinduka muri ayo mategeko.

Yasabya kandi ko ibikorerwa abafite ubumuga cyane ibijyanye n'amategeko byashingira kuri Masezeramo Mpuzamahanga arengera abafite ubumuga.

Yanasabye ko baafite ubumuga bafashwa kujya mu kiruhuko cy'izabukuru mbere y'igihe (pansion anticipée) kuko usanga akenshi imiterere y'ubumuga bwabo itabemerera gukora imyaka myinshi.

Ikindi Honorable RWAKA yashimangiye ni uko ku gutanga akazi hashyirwaho pourcentage igenerwan abafite ubumuga kukom kugeza ubu itegeko ritabaha amahiwe agaragara yo kubasha gupiganira akazi.

5. Imyanzuro

Mu rwego rwo kubonera ibisubizo ibibazo byavuzwe haruguru, abari mu nama bagejeje ku nzego zitandukanye imyanzuro ikurikira:

1. Kuri MINALOC

- Ubuyobozi bwa NCPD burasaba MINALOC ko mu mafaranga igenera Uturere twose n'Umujyi wa Kigali yitwa 'Social Protection', abafite ubumuga bajya bayafahwamo anyuze kuri budget line yitwa Support to NCPD;

2. Ku Bunyamabanga Nshingwabikorwa bwa NCPD

- Ubuyobozi bwa NCPD burasabwa gushyiraho uburyo bufatika bwo guhuza ibikorwa by'Imiryango cyangwa Abantu bose bakora mu bikorwa byo gufasha cyangwa kwita ku bantu bafite ubumuga;
- NCPD irasabwa kandi gukorana bya hafi n'abafatanyabikorwa bayo, ku nyungu z'abantu bafite ubumuga;
- Gushyira ingufu mu kubaka ubushobozi bw'inzego za NCPD cyane cyane mu inzego zo hasi;

3. Ku Bayobozi b'Imirenge n'Uturere

- Gukorana n'Inzego za NCPD ku Mirenge n'Uturere kugira ngo barangize inshingano yo kwita ku bantu bafite ubumuga;
- Gushyira mu mihigo y'Uturere n'Imirenge ibikorwa byo guteza imbere abantu bafite ubumuga;
- Gukorana n'Ibigo byita ku bantu bafite ubumuga biri muri Ako Karere/Umurenge ndetse no kubashakira inkunga no gukurikirana uko yakoreshejwe;

4. **Ku Bayobozi b'Ibigo byita ku Bantu bafite ubumuga**

- Gusabira Ubuzima Gatozi ibigo byita ku bantu bafite ubumuga;
- Kumenyesha Inzego z'ibanze ibyo bagezeho mu guteza imbere abantu babibamo n'abandi bifasha;
- Kumenyesha NCPD gahunda z'ibikorwa n'Imishinga kugira ngo bikorerwe ubuvugizi ahashobora kuva inkunga;
- Gusaba NCPD ibisubizo bishatsemo bigamije gukemura ibibazo bahura nabyo;

5. **Ku bantu bafite ubumuga**

- Kumenya ko ibisubizo by'ibabazo byabo ari bo babifite;
- Kwihesha agaciro no kumenya ko bagomba guhanira uburenganzira bwabo;

6. **Ku Muryango Nyarwanda**

- Kumenya ko ibikorerwa Umuntu ufite ubumuga Atari impuhwe ahubwo ho ari uburenganzira bwabo;
    - Kumenyesha inzego za NCPD ikibazo cyose kigaragaye ku muntu ufite ubumuga;
    - Kwirinda ihezwa rikorerwa abantu bafite ubumuga mu Muryango Nyarwanda

Umwe mubitabiriye inama atanga igitekerezo

7. IMYANZURO RUSANGE Y'INAMA N'ABAFATANYABIKORWA BA NCPD

MINALOC

- NCPD irasaba ko Politiki yo kurengera abantu bafite ubumuga mu Rwanda yavugururwa igahuzwa n'Amasezerano Mpuzamahanga arengera abantu bafite ubumuga yemejwe burundu n'u Rwanda ku wa 15/12/2008;
- NCPD irasaba MINALOC ko mu mafaranga yoherereza Uturere n'Umujyi wa Kigali yitwa Social Protection, yagena muri yo ayo gufasha Abafite ubumuga mu Turere, akitwa' Support to NCPD';
- N'ubwo Uturere kuri 12 tumaze gushyiraho Umukozi uhoraho wo kwita ku bantu bafite ubumuga, NCPD irasaba ko Uturere tutari twamushyiraho twabikora, kuko hari byinshi biri gukorwa aho bamushyizeho;

MININFRA

- NCPD irasaba MININFRA gusaba ko Ibigo/Abantu batwara abantu bakoresha imodoka rusange zikoze ku buryo n'abafite ubumuga bashobora kuzindemo no kubageneramo imyanya yihariye hakurikijwe ubumuga bwabo;
- NCPD irasaba ko Uturere tudafite amakipe y'abantu bafite ubumuga babafasha bakayishyiraho kuko bibafasha mu kwivana mu bwigunge;

MIFOTRA

- NCPD irasaba Leta ko yayifasha mu gukora ubuvugizi kugira ngo Abantu bafite ubumuga bahabwe akazi, hashingiwe kuri Affirmative Action ndetse no ku byo bize;
- NCPD irasaba Leta ko yavugurura Amategeko agena uko akazi gatangwa muri Leta; kuko bikomereye abafite ubumuga kubona akazi cyangwa kujya mu myanya ifatirwamo ibyemezo, bitewe n'uko bize bakarangiza bigoranye (bahabwa imyanya ku ijanisha 20% muri buri rwego rw'imirimo);
- NCPD irasaba ko Inyubako zubatse mbere y'uko Itegeko N0 01/2007 ryo ku wa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange zakubahiriza iri tegeko, kuko abafite ubumuga batabasha kuzigeramo igihe bakeneye gusaba serivisi.

MINEDUC

- NCPD irasaba ko Ururimi rw'amarenge (sign language) rwaba rumwe mu ndimi zemewe mu gihugu cyacu; bityo abantu benshi bagahugurwa muri iyi mvugo;
- NCPD irasaba ko hajyaho Inkoranyamagambo (dictionary) yemewe na Leta ikazajya ikoreshwa mu gihugu hose;
- NCPD irasaba ko mu Ishuri Nderabarezi rya Kigali hajyaho Ishami ryigisha ku Burezi budahezwa ku rwego rwa A0 (hari A1 gusa kandi ntago abarangije babasha kubona akazi bitewe n'Impamyabumenyi ikiri ku rwego rwo hasi);
- NCPD irasaba ko MINEDUC yashyiraho Gahunda y'amasomo mu bigo bya 'Special needs Education';
- Ibigo byita ku bantu bafite ubumuga birasaba ko Leta yabigenera inkunga yo guhemba nkuko bikorwa mubindi bigo;
- NCPD imaze kubona ko gukora ibizamini by'isobanura bumenyi (interview) ku bantu bafite ubumuga bwo kutavuga no kutumva ari ikibazo, izasaba MIFOTRA ko hajyaho uburyo bwihariye bwo gukoreshwamo ikizamini cy'akazi abari muri iki cyiciro;
- NCPD irasaba ko mu gihe cy'ibizamini byaba iby'amasomo cyangwa iby'akazi, abafite ubumuga bajya bahabwa umwanya utangana n'uw'abandi bitewe n'imiterere y'ubumuga bwabo;
- NCPD irasaba ko Uburezi bw'abantu bafite ubumuga bwakwitabwaho, hashingiwe ku byiciro bitandukanye.

MINISANTE

- NCPD irasaba ko MINISANTE yashyiraho Ikigo gikora kinateranya inyunganirangingo n'insimburangingo kuko gikenewe cyane;
- NCPD irasaba ko Icyigo cya Gatagara/Nyanza n'Ibitaro bya Rilima byaba Referral Hospitals kugira ngo abafite ubumuga bahabone services zinoze;
- NCPD irasaba RSSB/CAMERWA ko yashyira ku rutonde mu miti cg ibikoresho itumiza hanze inyunganirangingo, inshimburangingo, inkoni z'abataboni, amagare y'abafite ubumuga bw'ingingo, inyunganirangingo z'abatumva;

- NCPD irasaba MINISANTE ko yakubahiriza Itegeko Teka yashyizeho ko Insimburangingo n'Inyunganirangingo byishyurwa kuri Mutuelle de Sante, bityo abantu bafite ubumuga bakazibona ku buryo buborohereye.

MINECOFIN

- Abantu bafite ubumuga barasabwa kwitabwaho mu mishinga ibyara inyungu;
- Buri Turere twose turasabwa gushaka imibare y'abantu bafite ubumuga no kubakorera ifishi ya buri muntu;
- Abafite ubumuga barasaba Leta ko yabakuriraho Umusoro ku mushahara (TPR), bitewe n'uko Umushahara wabo ushirira mu bikorwa bijyane n'ubumuga bwabo (abagendera mu tugari, buri gihe bashaka ababatwara muri taxi voiture iyo bakorera kure, abandi baratega kuko badashobora kugenda ahantu hanini,…).

8. GUSOZA INAMA

Bwana RUSIHA Gastone, Perezida w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga yashimiye Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta ushinzwe iterambere rusange n'imibereho y'abafite ubumuga kuba yari yigomwe akitabira ubutumire mu nama, bikaba ari ikigaragaza ko afite ku mutima abafite ubumuga. Yaboneyeko kumusaba gusoza inama ku mugaragaro, ageza ijambo rikurikira ku bitabiriye inama:

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISTIRI RYO GUSOZA INAMA

Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta yashimiye abitabiriye inama ashimingira ko kuba hariho Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga igomba kugaragaza impinduka mu kwita ku bantu bafite ubumuga. Yakomeje ashima imyanzuro yafashwe kandi ivuye mu bitekerezo by'abitabiriye inama. Yagaragaje ko ibibazo bagaragara mu kwita ku bantu bafite ubumuga , bimwe muri byo bisaba igihe kirekire mu kubikemura ariko ibishoboka bikaba byakorwa mu gihe kihuse.

Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta yashimiye cyane abantu bafite ibigo byita ku bantu kuko bunganira cyane Leta. Agaruka ku kibazo cya Mutuelle de

santé, yagaragake ko icyo, kibazo kigomga gukemuka Abanyarwanda bose bakoroherezwa kubona servise zo kwa muganga.

Ku kibazo cyo korohereza abafite ubumuga ku bijyenye no gutwara abantu (transport) yashimangiye ko abatumiza imodoka zitwara abantu muri rusange bagomba gutegekwa kujya bagura imodoka zorohereza abafite ubumuga kuzigendamo.

Yasabye Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe imibereho myiza gushyira muri 'priorités' zabo ibikorwa byo gufasha abafite ubumuga hitawe ku miterere yabwo.

Ku mategeko agenga itangwa ry'akazi, Umunyamabanga wa Leta yagaragaje ko hagomba kujyaho 'discriminations positives" kandi NCPD ikabigiramo uruhare rugaragara aho ihuye n'imbogamizi ikiyambaza izindi nzego.

Yasabye abantu bose bakora ibikorwa byo gufasha abantu bafite ubumuga ko bajya bageza kuri NCPD rapports z'ibikorwa byabo kugirango nayo ibigaragaze muri rapport rusange itangwa ku rwego rw'Igihugu.

Yasabye ko igenemigambi no guhana amakuru (planning na communication) , kugaragaza imibare y'abantu bafite ubumuga byashyirwamo ingufu. Agaruka ku gikorwa cyo gushyira mu byiciro abafite ubumuga, yamenyesheje abari mu nama ko icyo gikorwa nikirangira, bizakemura ibibazo byinshi by'abafite ubumuga kuko buri wese azabasha kubona ibyo agenenerwa n'amategeko.

Yashoje inama asaba ko imyanzuro yafashwe yajya ishyirwa mu bikorwa, abatabikoze bakabibazwa.

Inama yari yatangiye saa tatu n'igice yashoje imirimo yayo saa kumi n'inwe n'igice.

Bikorewe i Kigali kuwa 05 Ukwakira 2012.

Umwanditsi w'Inama

NDIKUMANA Sosthene